

**Icyiciro cya 5: Icyaha cyo gukuramo inda**

**Section 5 : Crime of abortion**

**Section 5 : Infraction d'avortement**

**Ingingo ya 162: Kwukuramo inda**

**Article 162 Self- induced abortion**

**Article 162: Auto-avortement**

Umuntu wese wikuyemo inda ahanishwa igifungo kuva ku mwaka umwe (1) kugeza ku myaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi mirongo itanu (50.000) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000).

Any person who carries out self-induced abortion shall be liable to a term of imprisonment of one (1) year to three (3) years and a fine of fifty thousand (50,000) to two hundred thousand (200.000) Rwandan francs.

Toute personne qui s'auto-avorte est passible d'un emprisonnement d'un (1) an à trois (3) ans et d'une amende de cinquante mille (50.000) à deux cent mille (200.000) francs rwandais.

**Ingingo ya 163: Gukuramo umugore inda atabyemeye cyangwa abyemeye**

**Article 163: Causing a woman to abort with or without her consent**

**Article 163: Faire avorter une femme consentante ou non consentante**

Umuntu wese ukuramo umugore inda ariko nyir'ubwite atabyemeye, ahanishwa igifungo kuva ku myaka icumi (10) kugeza ku myaka cumi n'itanu (15).

Any person who causes a woman to abort without her consent shall be liable to a term of imprisonment of ten (10) years to fifteen (15) years.

Toute personne qui fait avorter une femme sans son consentement est passible d'un emprisonnement de dix (10) ans à quinze (15) ans.

Mu gihe babyemeranyijweho, ukuyemo umugore inda ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5).

Umuntu wese, ku bw'uburangare cyangwa umwete muke, utuma umugore akuramo inda, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza ku bihumbi magana atanu (500.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Ingingo ya 164: Gukuramo inda bikavamo urupfu**

Iyo ibyakoreshejwe gukuramo inda biteye urupfu rw'umugore, uwabitanze, uwategetse cyangwa uwabirekuye azi icyo bigenewe, ahanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) kugeza ku myaka makumyabiri (20) niba umugore yaremeye gukuramo inda cyangwa igifungo cya burundu n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000), niba umugore atigeze abyemera.

In case of mutual consent, a person who causes a woman to abort shall be liable to a term of imprisonment of two (2) years to five (5) years.

Any person who, through recklessness or negligence causes a woman to abort shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to one (1) year and a fine of two hundred thousand (200,000) to five hundred thousand (500,000) Rwandan francs or one of these penalties.

**Article 164: Abortion resulting in death**

A person who administers, delivers or orders a substance which he/she knows the effect, to a woman and causes abortion which results into death shall be liable to a term of imprisonment of fifteen (15) years to twenty (20) years if the woman had consented to the abortion or to life imprisonment and a fine of two hundred thousand (200,000) to two million (2,000,000) Rwandan francs, if such a woman had not consented to the abortion.

En cas de consentement mutuel, celui qui fait avorter une femme est passible d'un emprisonnement de deux (2) ans à cinq (5) ans.

Toute personne qui, par imprudence ou négligence, fait avorter une femme, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à un (1) an et d'une amende de deux cent mille (200.000) à cinq cent mille (500.000) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

**Article 164: Avortement entraînant la mort**

Lorsque les substances utilisées en vue de faire avorter la femme causent sa mort, celui qui les a administrées, les a fait administrer ou les a procurées sachant ce à quoi elles étaient destinées est passible d'un emprisonnement de quinze (15) ans à vingt (20) ans si la femme avait consenti à l'avortement ou d'un emprisonnement à perpétuité et d'une amende de deux cent mille (200.000) à deux millions (2.000.000) de francs rwandais, si la femme n' avait pas consenti à l'avortement.

**Ingingo ya 165: Ukutaryozwa icyaha cyo gukuramo inda**

Nta buryozwacyaha ku mugore no ku muganga wakuyemo inda bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:

- 1° kuba umugore yatwaye inda atayishaka kubera gukoreshwa imibonano mpuzabitsina ku ngufu;
- 2° kuba yarashyingiwe ku ngufu;
- 3° kuba yatewe inda n'uwo bafitanye isano ya hafi kugera ku gisanira cya kabiri;
- 4° kuba inda itwiswe ibangamiye cyane ubuzima bw'umwana cyangwa ubw'umubyeyi.

Ukutaryozwa icyaha kuvugwa mu gace ka mbere, aka 2° n'aka 3° tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo kwemerwa gusa iyo nyir'ugusaba gukurwamo inda yagaragarije muganga icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha cyemeza kimwe mu bivugwa muri utwo duce, cyangwa bigaragarijwe urukiko n'ukurikiranyweho icyaha cyo gukuramo

**Article 165: Exemption from criminal liability for abortion**

There is no criminal liability for a woman who commits abortion and a medical doctor who helps a woman to abort if one of the following conditions is met:

- 1° when a woman has become pregnant as a result of rape;
- 2° when a woman has been subjected to forced marriage;
- 3° when a woman has become pregnant due to incest in the second degree;
- 4° when the continuation of pregnancy seriously jeopardizes the health of the unborn baby or that of the pregnant woman.

The exemption from criminal liability under items 1°, 2° and 3° of Paragraph One of this Article shall be permitted only if the woman who seeks abortion submits to the doctor an order issued by the competent Court recognizing one of the cases under these items, or when this is proven to the Court by a person charged of abortion.

**Article 165: Exonération de la responsabilité pénale pour l'avortement**

Il n'y a pas de responsabilité pénale pour une femme qui avorte et un médecin qui aide une femme à avorter si l'une des conditions suivantes est remplie:

- 1° la femme est tombée enceinte à la suite d'un viol;
- 2° la femme a fait l'objet d'un mariage forcé;
- 3° la femme est tombée enceinte à la suite d'un inceste jusqu'au second degré;
- 4° la poursuite de la grossesse met en péril grave la santé de l'enfant à naître ou de la femme.

L'exonération de la responsabilité pénale visée aux points 1°, 2° et 3° de l'alinéa premier du présent article n'est admise que lorsque la femme qui veut se faire avorter a présenté au médecin une ordonnance de la juridiction compétente attestant l'existence de l'un des cas mentionnés dans ces points, ou lorsque cela est prouvé à la juridiction par

inda

la personne poursuivie d'infraction d'avortement.

Urukiko rushyikirijwe ikirego ruhagarika indi mirimo rukagisuzuma kandi rukagifatira umwanzuro mu buryo bwihutirwa.

The Court where the complaint is filed shall hear and make a decision as a matter of urgency.

La juridiction saisie statue toute affaire cessante sur la demande.

**Ingingo ya 166:** Ibigomba kubahirizwa kugira ngo hatabaho uburyozwacyaha ku muganga wakuyemo umugore inda cyangwa ku mugore wabyemeye

**Article 166: Requirements for exemption from criminal liability for a medical doctor who performs an abortion or a woman who consents to an abortion**

**Article 166: Conditions d'exonération de la responsabilité pénale pour un médecin qui fait avorter une femme ou par une femme qui y consent**

Nta buryozwacyaha bubaho ku muganga wavanyemo inda cyangwa ku mugore wemeye cyangwa umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko, mu gihe adashobora kwifatira icyemezo cyo kuyikuzamo hakurikijwe ibivugwa mu gace ka 4° k'igika cya mbere cy'ingingo ya 165 y'iri Tegeko Nginga, niba uburyo bukurikira bwarubahirijwe:

A medical doctor who performs an abortion or a woman who consents to an abortion or her legally recognized representative if she cannot decide for herself whether to abort is not criminally liable in accordance with item 4° of Paragraph One of Article 165 of this Organic Law if the following conditions are met:

Il n'y a pas de responsabilité pénale pour un médecin qui a pratiqué l'avortement, ni pour la femme qui y a consenti ou son représentant légalement reconnu si elle ne peut décider pour elle-même d'avorter conformément au point 4° de l'alinéa premier de l'article 165 de la présente loi organique, si les conditions suivantes sont réunies:

1° muganga amaze gusuzuma, asanze inda ishobora kwangiza bikomeye ubuzima bw'umugore cyangwa asanze umwana adashobora kubaho;

1° after the medical doctor finds that continuation of the pregnancy would seriously endanger the health of the woman or that the unborn child cannot survive;

1° le médecin a, après avoir fait la consultation, constaté que la poursuite de la grossesse met en péril grave la santé de la femme ou que l'enfant à naître ne peut pas survivre;

2° muganga wasuzumye yagishije inama undi muganga mu gihe bishoboka, maze:

2° the medical doctor has sought advice from another doctor where possible, and:

2° le médecin consultant a demandé l'avis d'un autre médecin, lorsque cela est possible, et:

Official Gazette n° Special of 14 June 2012

- a. akabikorera raporo ishyirwa mu nyandiko eshatu (3) ziriho umukono we n'uw'umuganga yagishije inama;
- b. kopi imwe ihabwa nyir'ubwite cyangwa umuhagarariye mu buryo bwemewe n'amategeko mu gihe adashobora kwifatira icyemezo;
- c. indi ikabikwa n'umuganga wamusuzumye;
- d. iya gatatu igahabwa umukuru w'ibitaro.

- a. the medical doctor makes a written report in three (3) copies signed by him/herself and the doctor he/she consulted;
- b. one copy is given to the interested party or her legal representative if she cannot decide for herself;
- c. another copy is kept by the medical doctor who consulted her;
- d. the third copy is given to the hospital medical director.

- a. il fait un rapport écrit, en trois (3) copies signées par lui-même et par le médecin qu'il a consulté;
- b. une copie est remise à l'intéressée ou à son représentant légalement reconnu si elle ne peut pas décider pour elle-même;
- c. l'autre copie est conservée par le médecin consultant ;
- d. la troisième copie est remise au médecin directeur de l'hôpital;

**Ingingo ya 167: Kwikuramo inda cyangwa kuyikuramo undi bikoze n'umuntu ukora umwuga w'ubuvuzi**

Ku byaha biteganyijwe mu ngingo ya 162 n'iya 163 z'iri tegeko ngenga, niba uwakoze icyaha ari umuganga, umubyaza, umufarumasiye, ahanishwa kandi igihano cy'umugereka cyo kubuzwa gukomeza umwuga by'igihe, kuva ku myaka itatu (3) kugeza ku myaka itanu (5).

Mu gihe cy'isubiracyaha, kubuzwa gukomeza umwuga biba burundu.

**Article 167: Self-induced abortion or performing abortion to another person by a medical professional**

For offences provided for under Articles 162 and 163 of this Organic Law, if the offender is a medical doctor, a midwife or a pharmacist, he/she shall be liable to an additional penalty of suspension from exercising his/her profession for a period of three (3) years to five (5) years.

In case of recidivism, the suspension from exercising the profession shall become definitive.

**Article 167: Auto-avortement ou pratique d'avortement sur autrui par un professionnel médical**

Pour les infractions prévues aux articles 162 et 163 de la présente loi organique, lorsque l'auteur est un médecin, une sage-femme ou un pharmacien, il est passible d'une peine accessoire d'interdiction d'exercer sa profession pendant une durée de trois (3) ans à cinq (5) ans.

En cas de récidive, cette interdiction d'exercer la profession devient définitive.

*Official Gazette n° Special of 14 June 2012*

Umuntu ukora umurimo yabujijwe kubera impamvu zavuzwe mu gika cya 1 n'icya 2 by'iyi ngingo, ahanishwa igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) kugeza ku myaka irindwi (7).

**Ingingo ya 168: Kwamamaza ibikoresho byo gukuramo inda**

Umuntu wese wamamaza, akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, imiti, ibikoresho cyangwa ibindi bivugwaho ubushobozi bwo gukuramo inda, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni imwe (1.000.000) kugeza kuri miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

A person, who contravenes the provisions of Paragraphs One and 2 of this Article, shall be liable to a term of imprisonment of more than five (5) years to seven (7) years.

**Article 168: Advertising means of abortion**

Any person who, by any means, advertises drugs, materials and any other substances believed to induce abortion shall be liable to a term of imprisonment of six (6) months to two (2) years and a fine of one million (1,000,000) to three million (3,000,000) Rwandan francs or one of these penalties.

Une personne qui contrevient à l'interdiction prononcée pour des raisons visées aux alinéas premiers et 2 du présent article, est passible d'un emprisonnement de plus de cinq (5) ans à sept (7) ans.

**Article 168: Publicité des moyens abortifs**

Toute personne qui, par tout moyen, fait la publicité des médicaments, du matériel et d'autres substances connus pour être capables de provoquer l'avortement, est passible d'un emprisonnement de six (6) mois à deux (2) ans et d'une amende de un million (1.000.000) à trois millions (3.000.000) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.